## Dore uburyo ushobora gukura mu mibanire yawe na Yesu:



1. ***Gusenga.***
   Ganira n'Imana! Ni inshuti yawe!



2. ***Soma Bibiliya.***
   Wibuke ko uyu ari umucyo wawe!



3. ***Kuramya Yesu!***
   Shima Imana muri byose kubera ibyo yagukoreye.



4. ***Shikama mu itorero***
   hamwe n'abandi bizera muri Yesu. Komera mu bugingo bwawe bushya hamwe n'Imana hafi y'inshuti nazo zikunda Yesu.

## NI UKO, NI UKO!

Wafashe icyemezo gikomeye cyane kurusha ibindi mu buzima bwawe. Ibuka iteka ko uri uwa Yesu! Imana iragukunda kandi igufitiye imigambi ihebuje!

Uzuza izina ryawe hano:

Yesu aragukunda ............................ !

Sikanisha terefoni

CfaN CHRIST FOR ALL NATIONS

CfaN.org

KINYARWANDA [RWANDA]

# Hakurikiraho iki?



**DANIEL KOLENDA**

WNHS QR Leaflet Kinyarwanda 2026.indd 1-2 2026/07/01 12:57:40

# YAY!!!

Wiyemeje gukurikira Yesu. Bibiliya ivuga ko hari umunsi mukuru mu ijuru ku bwawe. Natwe tunejejwe no kuba winjiye mu muryango w'Imana! Ubu ufite beneso na bashiki bawe muri buri Gihugu ku Isi hose!

Iki gitabo ni wowe twagiteguriye. Turashaka kukwibutsa ibyo Imana yagukoreye. Turashaka kandi kugufasha gutera indi ntambwe mu buzima bushya hamwe na Yesu. Imana yarakuremye. Irashaka kukumenya kandi irashaka ko nawe uyimenya! Iragukunda cyane. Ifite umugambi mwiza ku buzima bwawe!

## Twazimiye gute?


Icyaha ni ikintu cyose dutekereza, tuvuga cyangwa dukora kitubahisha inzira y'Imana. Imana yanga icyaha kuko kibabaza abantu. Icyaha gitera agahinda, uburwayi, intambara ndetse n'urupfu. Bibiliya ivuga ko abantu bose bakoze ibyaha. Abantu bose banyuranyije n'inzira y'Imana (Abaroma 3:23). Icyaha cyatujyanye kure y'Imana twese. Ingororano y'icyaha ni urupfu.

## Ni nde waturokoye?

INKURU NZIZA ni uko Imana igukunda cyane! Yohereje Umwana wayo Yesu kugira ngo akugarure kuri Yo.


> **"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho."** (Yohana 3:16)

Yesu yari Imana akaba n'umuntu. Yari atunganye rwose kandi ntiyigeze akora icyaha. Yishyuye ibyaha byawe ubwo yagupfiraga ku musaraba. Ariko urupfu ntirwashoboye kumugumana. Yongeye kugaruka mu buzima! Yasohotse mu gituro. Ubu ushobora kubaho iteka ryose hamwe na We! Iyi ni inkuru nziza!



## Ntitwigera tuba twenyine!

Ariko si ibyo gusa. Igihe wabwiye Yesu uti YEGO, Imana yaguhaye indi mpano, Umwuka Wera wayo! Kuri ubu, ni muzima muri wowe. Yaguhinduye umuntu mushya. Umwuka Wera ni umuyobozi wawe n'umufasha wawe. Ushobora kuganira na We. Azabana iteka nawe. Azaba inshuti yawe magara.



## Ni amahitamo yacu

Wibuke ko Yesu ari we nzira yonyine yakugeza ku Mana no ku bintu byiza byose Imana igufitiye! Yesu yaravuze ati

> **"Ni jye nzira, n'ukuri, n'ubugingo: nta wujya kwa Data atanyuzeho."** (Yohana 14:6)

Ariko Imana ntiduhatira kuyihitamo. Imana ntikunda amarobo. Imana irashaka inshuti! Imana ikunda abantu kandi yizeye ko na bo bazahitamo kuyikunda. Ni aha buri muntu guhitamo Yesu.

Iyo duhisemo gukurikira Yesu, dutera umugongo ibyaha, tugasaba Imana kutubabarira. Turakizwa iyo tuvuze tuti "Yesu ni Umwami," kandi tukizera mu mitima yacu ko Imana yamuzuye mu bapfuye.

## Data

Igihe wemeraga ko Yesu akubera Umwami, warakijijwe kandi uhinduka umwana w'Imana!

> **"Abamwizeye bose kandi bakamwemera, yabahaye uburenganzira bwo kuba abana b'Imana."** (Yohana 1:12)

Uri uwa Yesu! Rangurura ijwi ugira uti:
**"NDI UWA YESU!"**

YEGO! Uyu munsi wahindutse icyaremwe gishya! Rangurura ijwi ugira uti:
**"NDI ICYAREMWE GISHYA!"**

## none … hakurikiraho iki?

Noneho ubu uri mu muryango w'Imana. Uri uw'Imana, kuva ubu n'iteka ryose! Ibi bisobanuye ko igihe icyo ari cyo cyose ushobora kuganira n'Imana. Kuganira n'Imana byitwa gusenga. Iyo usenga mu izina rya Yesu, Imana irakumva kandi ikagusubiza.

Imana kandi yaduhaye Igitabo cyayo, Bibiliya! Iyi ni mwe mu nzira Imana ikoresha ituvugisha. Bibiliya irimo ibyo ukeneye kumenya byose kugira ngo ukurikire Yesu. Gumana Bibiliya yawe kandi uyisome kenshi. Izagufasha guhinduka umuntu mwiza kurushaho buri munsi.

Ni ngombwa kandi kuri wowe ko ubona urusengero. Itorero ni itsinda ry'abandi bantu bakurikira Yesu. Bazaba inshuti zawe magara! Bazagufasha kandi bazagukunda.

## Hitamo gukura!

Ubugingo bwawe bushya mu Mana ni kimwe n'ikimera gitoshye. Ikimera gikenera urumuri rw'izuba, amazi ndetse n'ubutaka kugira ngo gikure. Ibyo bintu bitabonetse, ikimera cyahita gipfa byihuse. Ukeneye umucyo wa Bibiliya. Ukeneye kugirana umubano n'Umwuka Wera. Kandi unakeneye itorero. Uzakura kimwe n'ikimera, hagarara wemye, kandi urabagirane ku bwa Yesu!

